# Eglise Presbytérienne au Rwanda – EPR

*Kigali, kuwa 29 Werurwe 2024*

**Ku bashumba n'Abakristo ba EPR (bose)**

**<u>N/Réf</u> : 01/TPB/FM/037/041/2024**

**<u>Impamvu</u>**: Kwibuka ku nshuro ya 30
Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Bavandimwe,

Guhera tariki ya 7 Mata 2024 u Rwanda ruribuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igahitana abana b'u Rwanda barenga miliyoni. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi akaba ari igikorwa ngarukamwaka ku Itorero ndetse no ku gihugu muri rusange,

Muri icyo igihe twibuka abacu bishwe urupfu rw'agashinyaguro bazira ko ari abatutsi, tuributsa abakristo bose ko gahunda yo kwibuka tugomba kuyigira iyacu n'amabwiriza ajyanye nayo tukayubahiriza. Ni muri urwo rwego twasabaga abakristo bose n'abashumba b'Itorero Presibiteriyene mu Rwanda (EPR) kwitabira gahunda zose zateganyijwe muri icyo gihe twifatanya n'abanyarwanda bose bari mu gihugu ndetse no mu mahanga kwibuka abazize iyo Jenoside.

Turasabwa ko muri gahunda zacu no mu masengesho yacu habamo kuzirikana abayirokotse bagifite ibibazo bikomeye birimo ibikomere by'umubiri ndetse niby'umutima. Ibyo birasaba ko twese duhaguruka tugahuriza hamwe imbaraga zacu mu buryo bwo kubahumuriza, kubafata mu mugongo no kubakomeza, tubafasha kandi tubaremamo icyizere cy'ejo hazaza, dufatanya nabo urugendo rw'ubuzima mu gusenga no kubafasha. Tuributsa kandi Abapresibiteriyene bose ko gahunda yo kwibuka twayigize inshingano yacu nk'abakristo ndetse n'Itorero kuko ijyanye n'Ijambo ry'Imana ndetse n'imyizerere yacu ya Gikristo.

Icyumweru gitangira igihe cy'icyunamo kizaba hashize igihe gito Pasika ibaye, ari nacyo gihe twibukamo imibabaro, urupfu no kuzuka k'Umwami wacu Yesu Kristo. Nk'uko Pasika ari igihe cyo guhamya imbaraga n'ibyiringiro byo kuzuka no kubaho byatsinze urupfu, twabasabaga ko ubutumwa bwiza bw'ibyiringiro n'imbaraga dukomora mu kuzuka k'Umwami wacu Yesu Kristo bwakomeza kutuviramo imbaraga zo guhangana n'ibihe bikomeye mu gihe twibuka abacu badukuwemo kandi bazize akarengane.

Turagira ngo muri ibi bihe byo kwibuka tuzakomeze kuyoborwa no guhumurizwa n'iri jambo ry'Imana riboneka mu Butumwa bwiza bwa Yesu Kristo uko bwanditswe na **Yohani 15,9:** ***"Uko Data yankunze niko nanjye nabakunze. Nuko rero mugume mu rukundo rwanjye".***

Iri jambo ritwibutsa ko Imana ihamagarira abo yaremye bose gukundana kandi ko yifuriza abantu bayo bose ibyiza n'amahoro. Imana yifuza ko abantu bayo bahamya urukundo rwayo kandi bakabaho mu mahoro no mu mutekano. Yesu niwe ubwe wabwiye abigishwa be aya magambo ariko kandi aboneraho no kuyatangariza abamwizeye ndetse n'abantu bose, abasaba kandi abategeka kuguma mu rukundo rwe. Imana ni urukundo kandi abo yaremye bose n'abayizera bagomba kubana no kubaho mu rukundo. Urwo rukundo Umwami Yesu yaruduhayeho umurage n'itegeko rishya ndetse ahamya ko arirwo kimenyetso ntakuka gihamya ko turi abigishwa be (Yohana 13, 34).

Ubutumwa nk'ubu bw'urukundo rw'Imana bwabwiwe abigishwa ba Yesu ariko kandi bubwirwa n'abatuye isi bose burakenewe no mu gihe nk'iki gikomeye cyo kwibuka ko abantu benshi babuze urukundo, urwango rukimakazwa mu gihugu cyacu kugeza kuri jenoside yakorewe abatutsi. Ubu butumwa buratwibutsa ko imitima ya benshi ku isi ihangayitse, ko ifite inzara n'inyota by'urukundo rw'Imana, rutagira umupaka kandi ruzira amakemwa, bukaba rero butanga umukoro n'inshingano ikomeye mu gihe cya none isi yugarijwe n'amakimbirane, urwango n'intambara bihitana ubuzima bwa benshi.

Aya magambo Umwami Yesu yayabwiye abigishwa be abahamiriza amahitamo y'Imana ndetse n'icyifuzo cyayo cy'uko abantu bayo bakwiye kurangwa n'urukundo kandi urwo

rukundo rukaba rwubakiyeho imibereho yabo n'ubuzima bwabo bwose. Niyo mpamvu uru rukundo Imana iduhamagarira kandi itwifuriza ndetse natwe ubwacu twifuza kandi dushaka, tugomba kugira uruhare mu kuruharanira, kurushaka, kurwimakaza no kurubungabunga kuko ibyo bijyana no kubungabunga ubuzima bwacu ndetse no kuburinda. Icyifuzo cy'Imana yigize umuntu muri Kristo Yesu ni uko buri wese yagira ubuzima bwiza kandi busesuye, akabaho neza mu rukundo rw'Imana no mu mahoro yayo ariko kandi akagira n'uruhare mu kurinda ubwo buzima, kububungabunga, kwimakaza urwo rukundo, kubaka ayo mahoro no guharanira ko n'abandi babaho muri urwo rukundo, bakarangwa narwo, bakagira amahoro kandi bakayarinda.

Iri jambo riratwibutsa kandi ko no mu bihe bikomeye byo kwibuka abacu bishwe muri jenoside yakorewe abatutsi,Umwami wacu Yesu udukunda aba ari kumwe natwe kandi atwibutsa ko turi kumwe n'Imana, ko itazadutererana, itazabura kuduhumuriza no kudushakira kubaho neza no kubana neza mu rukundo rwayo no mu mahoro, kabone n'ubwo twaba turi mu bihe bikomeye nk'ibyo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi. Urukundo Umwami Yesu adutangariza kandi adusaba gukomeraho rudutsindira ubwoba n'amakuba yose kandi rukaduha ibyiringiro bihamye by'uko urukundo rwatsinze urwango, ineza itsinda inabi, ko kubaho kwatsinze gupfa, ubuzima butsinda urupfu nk'uko kuzuka k'Umwami Yesu kwabihamije ku munsi wa Pasika.

Ntiduterwa ubwoba n'ibyago bitubaho cg se ibihe bikomeye duhura nabyo muri iyi si, kuko uwo twizeye ari hejuru ya byose kandi isezerano rye ni uko ari hagati muri twe kandi urukundo adukunda niturwubakiraho ubuzima bwacu n'imibereho yacu, amahoro ye azaba muri twe ibihe byose. Mureke ubutumwa nk'ubu bwongera kutwibutsa ko turi abana b'Imana kandi ko uko Imana idukunda ariko natwe dukwiye gukundana ndetse tukaguma muri urwo rukundo, tubugire ubwacu muri iki gihe gikomeye cyo kwibuka abacu badukuwemo imburagihe kandi bishwe urupfu rw'agashinyaguro mu gihe twari tukibakeneye.

Mu gihe nk'iki kandi hari ibihugu byo ku isi byugarijwe n'amakimbirane, urwango, umwiryane n'intambara, dukomeze kuzirikana ko aya magambo ahamagarira abantu gukundana no kurangwa n'urukundo ari ayacu natwe abanyarwanda kandi ko aribyo Imana itwifuriza, ndetse inifuriza abatuye isi bose. Kristo watsinze urupfu ku musaraba nyuma yo kunyura mu bihe bikomeye no mu mibabaro myinshi niwe uduhamagarira gukundana no kurangwa n'urukundo, niwe uduha kubaho, niwe uturinze kandi niwe uduha amahoro n'umutekano, niwe udukomeza ngo duhumure no mu bihe bikomeye twibukamo abacu bishwe muri jenoside yakorewe abatutsi.

Imyaka 30 tumaze tuvuye mu bihe bibi bya Jenoside yakorewe Abatutsi, twabashije kumva neza ko Imana yacu itadutereranye kandi itazadutererana. Ubutumwa bwibutsa abantu urukundo rw'Imana ni ubutumwa bwiza bw'ihumure n'amahoro butwibutsa ko n'ubwo twahuye n'ibikomeye ndetse n'urupfu mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi, ariko kandi muri Kristo Yesu hari ibyiringiro byo kubaho, hari ihumure, hari urukundo, hari amahoro, kandi Imana ihorana natwe, ni yo yabanye natwe muri iyi myaka 30 ishize, iduha ubuzima, iduha amahoro n'umutekano igihugu cyongera kwiyubaka no kubaho, kandi iri kumwe natwe kugeza ku iherezo nk'uko ibiduhamiriza mu Ijambo ryayo. Muri Kristo Yesu tuboneramo urukundo rw'Imana, tuboneramo ubuzima no kubaho, amahoro, ibyiringiro byo kubaho no gukomera nyuma y'akaga kose twanyuzemo. Kristo niwe mahoro yacu, niwe cyizere cyacu cy'ubuzima bw'uyu munsi n'ejo hazaza heza ndetse n'ibihe biri imbere.

Insanganyamatsiko izatuyobora muri ibi bihe byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni iyi: **"Twibuke-Twiyubaka"**. Abakristo kimwe n'abanyarwanda bose aho bazibukira hateganyijwe bazabifashwamo n'ibiganiro byatanzwe na MINUBUMWE kandi n'ibirango ndetse n'ibimenyetso bizifashishwa muri gahunda yo kwibuka bizakurikiza amabwiriza yatanzwe na Minisiteri (MINUBUMWE).

By'umwihariko turasaba abakristo ba EPR bose ko mu cyumweru cy'icyunamo n'igihe cyo kwibuka cyose bazakurikiza amabwiriza atangwa n'ubuyobozi bw'igihugu,

tuzirikana ibihe by'imibabaro n'urupfu rw'agashinyaguro byakorewe bagenzi bacu. Igihe cyo kwibuka kandi kizaba ari umwanya wo gusenga no gufata mu mugongo ababuze ababo n'abarokotse iyo Jenoside yahekuye u Rwanda.

Muri Paruwasi, Paruwasi zirerwa na Presibiteri zose zigize EPR turasaba ko hazabaho guhanahana amabwiriza n'ibiganiro byatanzwe na MINUBUMWE ku mateka ya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda bikagezwa ku bakristo kandi ibyo bikaba bigomba kuzuzanya n'Inyigisho za Bibiliya ku bijyanye n'icyumweru cy'icyunamo n'igihe cyose cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Turasaba kandi abakristo bose n'abayobozi ba za Paruwasi na Peresibiteri zigize Itorero Presibiteriyeni mu Rwanda gukomeza gahunda nziza twatangiye y'uko buri Paruwasi itegura neza inyandiko ku mateka ya Jenoside yakorewe abatutsi no kunoza urutonde rw'abakristo bayo bishwe bazize jenoside bakazabigeza kuri Presibiteri nazo zikabigeza mu biro bikuru by'Itorero nk'uko twabibandikiye.

Komisiyo y'Itorero y'Ubumwe n'Ubwiyunge no kurwanya jenoside yifuje ko ku cyumweru tariki ya **14/4/2024** waba umunsi wihariye wo kwibuka muri Paruwasi zose na Paruwasi zirerwa zigize Itorero ryacu. Tuzakomeza kugendera ku nsanganyamatsiko yo **"Kwibuka twiyubaka"** kandi twubahiriza amabwiriza yose yatanzwe ajyanye n'igihe cyo kwibuka.

Nk'uko rero Komisiyo yashimye ko buri mwaka hajya hatoranywa ahantu hamwe mu Itorero hibukirwa ku rwego rw'igihugu, ni muri uru rwego, muri uyu mwaka hatoranyijwe i **Kirinda** aho gahunda yo kwibuka yateganyijwe tariki ya **08/6/2024**. Kwibuka **i Remera** bizategurwa na Presibiteri ya Remera bikorwe tariki ya **01/6/2024**.

Tukaba tuboneyeho gusaba abakristo bose n'abashumba ko izo gahunda zose bazigira izabo kandi bagakomeza kuzisengera, basengera Itorero n'igihugu muri rusange. Komisiyo yibukije kandi, ko kimwe no muri paruwasi, n'ibigo by'amashuri n'amavuriro bya EPR birebwa na gahunda yo kwibuka kandi ko no muri buri kigo hifujwe ko hagomba kubakwa urukuta (Mémorial) ruriho amazina y'abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Mu gihe twibuka dukomeze tuzirikana ko Jenoside ari mbi, ko yaduhekuye ikadutwara abantu, igasenya imiryango, igasenya Itorero n'igihugu, bityo kwibuka ibyo bikaba ari uburyo bwo guharanira ko itazongera kubaho ukundi haba mu gihugu cyacu cyangwa se n'ahandi. Niyo mpamvu dusaba abakristo ba EPR bose gukurikiza amabwiriza yose aba yatanzwe ku bijyanye na gahunda y'icyunamo no kugira uruhare rwiza mu kuyashyira mu bikorwa no gutuma iyi gahunda igenda neza maze tugakomeza **"Kwibuka-Twiyubaka"**

Tubaragije Imana, tubifuriza Pasika nziza kandi tubasabira gukomeza guhumurizwa no kumurikirwa nayo mu gihe twibukamo abacu twabuze kandi dukunda bazize jenoside yakorewe Abatutsi mu Itorero no mu gihugu cyacu.

Uwiteka abane namwe.

**Rev Dr Pascal BATARINGAYA**
**Prezida wa EPR**

EGLISE PRESBYTERIENNE AU RWANDA
PRESIDENCE ET REPRESENTATION LEGALE

**<u>Bimenyeshejwe :</u>**

-Visi Prezida wa EPR
-Umuyobozi wa Sinode Nkuru
-Umuyobozi wa Conseil Synodal
-Umuyobozi wa Comité Exécutif
-Umuyobozi wa Commission y'Ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya jenoside